RADIO MARIA RWANDA IWACU

N° 010

FM 88,6 FM97,3 FM99,4FM99,8 Mata 2014

Ijwi rya gikirisitu riguherekeza aho uri hose

IWACU MURI RADIO MARIA RWANDA

Kuki duhamagarira abakunzi ba Radio Maria Rwanda kwitabira Mariyatoni ya 4

Nk'uko dukunze kubigarukaho kenshi, Radio Maria ntikora ubucuruzi nk'uko andi ma radiyo abigenza, ari naho avana amikoro. Iyo sura ya Radio Maria ituma ibona umwanya uhagije wo kurangiza inshingano zayo kandi ikirinda ikintu cyose gishobora kubangamira umurongo yafashe w'iyogezabutumwa. Ikindi, Radio Maria Rwanda **(RMR)** ntigira ingengo y'imari igenerwa na Kiliziya cyangwa undi muryango. Imibereho ya Radio Maria iri mu maboko y'abayikunda, ari nabo dukunze kwita "abaterankunga". Iyo utanze inkunga yo gufasha Radio Maria, uba ugize uruhare mu iyogezabutumwa. Twibukiranye ko uwabatijwe afite inshingano yo kwamamaza Kristu, ariko si ko buri wese abona uwo mwanya, akaba ariyo mpamvu gutera inkunga Radio Maria ari ukuyituma kugira ngo ibigufashemo, bityo bikakubera umwanya mwiza wo kwitagatifuza.

Mariyatoni ya 4 kuri RMR, ibaye mu gihe hari imishinga myinshi irimo gukorwa kandi ikeneye amafaranga menshi ku buryo ingengo y'imari y'imirimo isanzwe *(budget de fonctionnement)* yavuye kuri miliyoni 107 zakoreshejwe muri 2013 igera kuri miliyoni 152 zikenewe muri 2014.

Mu bikorwa bidasanzwe, harimo gushyira ibyuma

IJAMBO RY'IBANZE

Nshuti bakunzi ba Radio Maria Rwanda, twishimiye kongera kubagezaho amakuru ya Radio yanyu mukunda cyane. Mu kanyamakuru k'uku kwezi turagaruka ku gikorwa cya Mariyatoni iteganyijwe kuva tariki ya 09-11 Gicurasi 2014. Muri icyo gikorwa tugamije kwegeranya inkunga yo gukomeza imirimo yo kubaka inzu ya Radio Maria Rwanda mu Mujyi wa Kigali. Turishimira kandi ko Radio Maria Rwanda yagejeje ibyuma byayo bisakaza amajwi ku musozi wa Huye na Gihundwe ku buryo abakunzi bayo bo mu madiyosezi ya Butare, Gikongoro,Cyangugu no mu nkengero zayo bumva neza Radio Maria Rwanda. Muri uku kwezi kwa Gicurasi, Radio Maria Rwanda yateganyije kwegera ku buryo bwihariye abakunzi bayo bo mu Mujyi wa Kigali. Muri izo gahunda zose, umuganda wanyu urakenewe haba mu mikoro no mu nama.

Tubaragije Umubyeyi Bikira Mariya.

ku musozi wa Huye muri Diyosezi ya Butare, na Gihundwe muri Diyosezi ya Cyangugu, bizatuma RMR yumvikana neza mu Ntara y'Amagepfo n'Iburengerazuba. Ikindi, muri uku kwezi kwa Gicurasi 2014, hari ibikoresho bishya bigiye kuza, bikeneye nibura miliyoni 12 z'amafaranga azishyurwa muri "douane". Kuri iyo ngengo y'imari isanzwe, hiyongeraho miliyoni 182 zikenewe z'inyubako ya RMR mu Mujyi wa Kigali, ariko tukaba dukeneye nibura miliyoni 90 muri uyu mwaka wa 2014. Ni ukuvuga ko mu mwaka wa 2014, RMR ikeneye miliyoni 242 y'imirimo isanzwe n'imirimo y'inyubako.

Ibi rero bigaragaza ko RMR ikeneye ku buryo budasanzwe ubutabazi bw'abakunzi bayo. Ayo mafaranga akenewe, ashobora kugaragara nk'aho ari menshi, ariko buri wese abigizemo uruhare kandi rutamuvunnye, ikigamijwe cyagerwaho. *Urugero: kugira ngo inyubako ya RMR yuzure, hakenewe gusa abakristu 182.000, buri wese atanze 1.000 Frw.* Uyu mubare ntabwo ukanganye ugereranyije n'umubare w'abakristu gatolika bashobora kubona nibura inshuro imwe inoti imwe y'igihumbi yo kuyitera inkunga, kandi hari na benshi bashobora kurenzaho!

Muvandimwe ubonye ubu butumwa, turakwinginze ngo ubuzirikane, maze uko Imana izabigushoboza, uzagire uruhare mu iyogezabutumwa rikorwa na RMR, haba ku giti cyawe, cyangwa se ubishishikariza abo mukorana n'inshuti zawe aho ziri hose. "***Utangana umutima mwiza ntagayirwa icyo adafite, ashimirwa icyo yatanze (***2 ***Kor 8, 12)"***

Imana iguhe umugisha!

Dr Bernardin Rutwaza

Prezida wa Radio Maria Rwanda

Radio Maria Rwanda muri Diyosezi Butare, Gikongoro na Cyangugu

Muri iyi minsi ishize, hari abakunzi ba Radio Maria Rwanda batabashije gukurikira neza gahunda zayo. Ibyo byatewe n'imirimo yarimo gukorwa yo kwimura imwe mu minara yayo nk'uko twakunze kubibabwira. Ubu abari muri Diyosezi ya Cyangugu bashobora gukurikirana Radio Maria Rwanda ku murongo wa 99,4 FM nyuma yo kwimura umunara wari i Giheke ukajyanwa i Gihundwe. Naho abakunzi ba Radio Maria Rwanda bari muri Diyosezi ya Butare, Gikongoro no mu nkengero zazo, bashobora gukurikirana ibiganiro bya Radio Maria Rwanda kuri 88,6 FM kuko ibyuma bisakaza amajwi byageze ku munara wa Huye. Turacyabiseguraho kuko hari abadashobora kuyumva neza kuko imirimo iracyakomeza, hari ibindi byuma bitegerejwe byo kongera ingufu. Muzirikane kandi ko ibyo byose bijyana n'amikoro kandi ni mwe mubeshejeho Radio Maria Rwanda. Mukomeze kongera inkunga kugira ngo ibyo twese twifuza bigerweho nta nkomyi.

Uruhare rw'abakorerabushake muri Mariyatoni

Mu butumwa bwayo bwa buri munsi, uruhare rw'abakorerabushake kuri Radio Maria birazwi ko ntacyo rwagereranywa na cyo. Iyo bigeze mu gihe cya Mariyatoni ho bikaba akarusho kubera uburyo iki gikorwa gitegurwa. Mu bihe bisanzwe, abakorerabushake bagira igihe bafasha Radio Maria n'igihe baba bari mu bikorwa byabo bisanzwe. Mu gihe cya Mariyatoni buri mukorerabushake asabwa ubufatanye n'ubwitange bidasanzwe kuva ku bafasha radiyo ku cyicaro cyayo, kugera ku bayifasha kubona inkunga mu muryangoremezo.

Uruhare rw'abakorerabushake mbere ya Mariyatoni

Mariyatoni nk'igikorwa gihuza abakunzi bose ba Radio Maria Rwanda n'umubyeyi Bikira Mariya by'umwihariko,gisaba kukimenyekanisha mu buryo bunyuranye aho radiyo yumvikana mbere y'uko kiba, hakoreshejwe inyandiko zitangwa



umwe mu bakorerabushake yandika abatanze inkunga

ahahurira abantu benshi nko muri za Kiliziya, amasoko, aho abagenzi bategera imodoka, ku mihanda mu bigo rusange,n'ahandi. Bagira uruhare kandi mu kugeza amakuru ya Mariyatoni kuri bagenzi babo, ku baturanyi babo no ku bandi bantu batoranyijwe na RMR bashobora kugira uruhare muri iki gikorwa. Ibi bikorwa byose, bikaba bidashobora kugerwaho bitagizwemo uruhare n'abakorerabushake.

Uruhare rw'abakorerabushake mu gihe cya Mariyatoni

Bidahagaritse gukomeza kugira uruhare mu kumenyekanisha Mariyatoni, mu gihe iri kuba abakorerabushake barasha buri wese aho asanzwe afasha no muri gahunda zihariye zitegurwa kuri radiyo haba mu buryo bw'ibiganiro bitangwa, amasengesho no kwakira abatanga inkunga. Ku bakorerabushake bo hirya no hino mu maparuwasi,barangwa no kuba bugufi y'abakristu bifuza gutera inkunga muri Mariyatoni, ibi bakabikorera ahantu bateguye kandi mu mucyo.Icyo gihe, inkunga yose bakiriye, bihutira kuyimenyekanisha kuri radio bisunze amabwiriza baba barahawe. Kuri ibi hakaniyongeraho gutanga amakuru y'imigendekere ya Mariyatoni iwabo, kenshi gashoboka ndetse no gukurikira gahunda za Radio Maria Rwanda, kugira ngo na bo bajyane n'abandi bakunzi ba RMR muri gahunda zo kuyisabira ziherekeza kuyiha inkunga.

Muri Mariyatoni 3 zimaze gukorwa kuri Radio Maria Rwanda , bikaba byaragaragaye ko aho radiyo ifite abakorerabushake bakora n'amatsinda y'inshuti, ari ho hanagaragaye

Ushobobora gushyigikira imirimo y'inyubako ya RMR koresha konti

N° 056-0635810-37 BK

Gahunda za Radio Maria Rwanda muri Mariyatoni

Nk'uko mubimenyereye mu gihe cya Mariyatoni gahunda za Radio Maria Rwanda zirahinduka tukibanda ku bikorwa byihariye. Dusenga turi hamwe n'abakunzi ba Radio Maria Rwanda ndetse abari hafi cyangwa abadusuye tubasaba ko dufatanya. Twakira abaduhamagara kuri telefoni batanga inkunga cyangwa basezeranya icyo bageneye Radio Maria Rwanda. Ibyo byose tubikora ijoro n'amanywa dusimburana. Tugira n'igihe cyo kubashimira no kubabwira aho inkunga igeze. Muri Mariyatoni dutegura, turabasaba mbere na mbere inkunga y'isengesho kandi tukazifatanya muri noveni izayibanziriza. By'umwihariko tubararikiye gukurikira ibiganiro tuzabategurira birushaho gusobanura igikorwa kigamijwe. Mukomeze kuba hafi ya radiyo yanyu nk'uko mubisanganywe.

Tera inkunga radio yawe,Radio Maria Rwanda

Ukoresheje

MTN mobile money:07884870045

Tigo cash :0727495295

KONTI

108-06646001-59 MURI ECOBANK
056-0293574-40 MURI BK
441-2057171-11 Muri Banki y'abaturage

. Ukwezi kwa Radio Maria muri KIGALI

Ukwezi kwa gatanu mu mezi asanzwe agize umwaka, muri Kiliziya Gatolika ni ukwezi kwahariwe Umubyeyi Bikira Mariya. Muri uyu mwaka wa 2014, Radio Maria nka radio y'Umubyeyi,ukwezi kwa Gicurasi yaguhariye gusura abana b'Umubyeyi batuye mu mujyi wa KIGALI. Iki gikorwa kigamije kurushaho kumenya ibyiza Radio Maria idufasha kugeraho mu bukristu bwacu. Bizaba umwanya mwiza wo kuroha urushundura muri KIGALI kugira ngo tumenyeshe abatuye uyu mujyi Ubutumwa twazaniwe n'umubyeyi Bikira Mariya. Muri iki gikorwa buri wese aratumiwe kuko njye nawe hari benshi tuzi bakeneye kumenya Radio Maria ngo ibigishe,ibahugure inabamenyeshe Ingoma y'Imana. Hazatangwa ubutumwa bwinshi ubwanditse n'ubuvugwa bizakorwa mu maparuwasi ndetse n'ahandi.

Ushaka nawe kuzifatanya natwe muri iki gikorwa wahamagara 0788509529, ukadufasha kuroba Roho za benshi.Dusoze tubabwira ko iki gikorwa kizakomeza na nyuma ya Mariyatoni ya 4, maze twubakire Radio y'Umubyeyi, Ingoro iyikwiriye.

GUSHYIKIRA RADIO MARIA RWANDA NI UGUFASHA YEZU GUKIZA ISI
www.radiomaria.rw